

IMFASHANYIGISHO YA 03: GUFUMBIRA KAWA

Gufumbira kawa byibanda ku gutanga intungagihingwa ziringaniye zifasha igiti cya kawa gukura neza, kikagira imizi ikomeye, kandi kigatanga umusaruro mwiza kandi mwinshi mugihe kirambye. Intungagihingwa z'ingenzi zirimo azote (nitrogen) ifasha gukura kw'amababi n'ibiti, fosifore (phosphorus) igafasha imizi no kurabya, na potasiyumu (potassium) igafasha kwiyongera kw'imbuto, ubuziranenge n'ubwiza bwa kawa, no kongerera igiti ubushobozi bwo kwihanganira indwara n'udukoko. Hari n'intungagihingwa zunganira nka kalusiyumu, maginezeyumu, na sulfure, zifasha imiterere myiza y'ubutaka. Intungagihingwa nto (micronutrients) nka zinc, boroni, feri, na koperi zikenerwa kukigero gito kugira ngo hirindwe ibura ryazo rigabanya umusaruro n'ubwiza bwa kawa. Gufumbira neza kawa bishingira ku gupima ubutaka, gutanga ifumbire ku gihe no mu buryo bukwiye, gukoresha ifumbire y'imborera, no gukurikiza imikorere myiza y'ubuhinzi kugira ngo intungagihingwa zinjire neza mu giti, zirindwe kwangiza ibidukikije, kandi bifashe umuhinzi kunguka.

Akamaro k'intungagihingwa ku giti cya Kawa

Iyo ubutaka bubuze intungagihingwa, bitera ibi bikurikira:



- Umusaruro mucye
- Kawa ibishye
- Kweza rimwe mu myaka ibiri
- Indwara n'ibyonnyi byinshi

Gufumbira igihingwa neza bitanga:



- Igiti gifite ubuzima bwiza
- Umusaruro mwiza
- Kawa iryoshye
- Kwera neza buri mwaka
- Igabanuka ry'indwara n'ibyonyi

Aho intungagihingwa zituruka

Ifumbire mborera ikomeye n'ifumbire mborera y'amazi/isukika Gufumbiza imborera ikomeye bikorwa mu gihe cyo gutera ingemwe, ubundi bikajya bikorwa mu gihe cyose cy'umwaka mu gihe ubutaka buhehereye, hakoreshwa ifumbire iboze neza y'amatungo, ibisigazwa by'ibihingwa, ibyatsi cg imvange yabyo,



- Umuhinzi yegeza isaso ku ruhande, akazengurutse igiti ifumbire asiga cm 20, nyuma agasubizaho isaso; nibura buri giti cya kawa kijyaho kg 20 z'ifumbire.
- umuhinzi yakwitunganyiriza ifumbire mborera isukika, cyangwa imborera ikomeye ayikoreye mu ngarani cyangwa se agakora ikirundo hejuru ku butaka atiriwe acukura ingarani /ikimpoteri

Ibikoresho bikenerwa ni:

- ✓ Ibisigazwa by'imyaka
- ✓ Ibisigazwa by'amatungo
- ✓ Ibyatsi bibisi cyangwa byumye



- ✓ Ubutaka cyangwa ivu/ Soil or ash
- ✓ Amazi

Gutunganya ifumbire mborera

Ifumbire mborera ishobora gutunganyirizwa mu kimpoteri cyangwa hagakorwa ikirundo. Uburyo itegurwa ni bumwe, itandukaniro ni rimwe gusa: kuba mu mwobo cyangwa hejuru y'ubutaka.

Guhitamo ahantu

- ✓ Hitamo ahantu haterereye katagera umuvu w'amazi y'imvura
- ✓ Hitamo Munsu y'igiti gitanga igicucu

- ✓ **Ingarani ifite**

Uburebure

Ubugari

Uburebure : uko ubishoboye

- ✓ **Kugerekeranya ibikoresho:**

Gushyira mu ngarani ibikoresho mu byiciro

1. Shyiramo ibyatsi byumye (15–20 cm)
2. Chyiramo ibyatsi bibisi (15 cm)/
3. Shyiramo ifumbire y'amatungo (10 cm)
4. Shyiraho ubutaka cyangwa ivu cm5
5. Sukaho Amazi macyeya nka litiro 5
6. Momeza ubigerekeranye kugeza ingarani yuzuye
7. Twikiriza ibyatsi bibisi cyangwa byumye
8. Kuyivanga
 - Inshuro ya 1: nyuma y'ibyumweru 3
 - Inshuro ya 2: nyuma y'ibyumweru 2
 - Nyuma yaho: buri byumweru 2

9. Ifumbire ibora neza

Ifumbire mborera bora neza nyuma y’amezi 2 kugera kuri 3

10. Ibiranga ifumbire iboze neza

Ifumbire iboze neza ihidura ibara igasa n’umukara

Ifumbire iboze iba inoze

Ifumbire iboze igira impumuro y’ubutaka

Ifumbire iboze ntigaragaza ibikoresho byayikoreshejwe.

Gutunganya ifumbire mborera isukika: Ni ifumbire itukuka ku ruvange rw’amazi, imborera n’minyogoto. Iyi minyorogoto yororerwa mu gisanduku kitava, gitwikiriye gisukwamo amazi macye kigashyirwamo ibisigazwa by’ibihingwa cyangwa ifumbire iva mu biraro by’amatungo. Uko iminyogoto irya iyi mborera, igenda irekura ifumbire isukika ikungahaye cyane mudutungagihingwa, n’imiti. Aya mazi avura cyane umugeze wa kawa



Agatanda (gakora neza) bashyiraho ibishishwa n’iminyogoto

- Ubaka agatanda ko gutunganyirizamo ifumbire isukika
- Rambikamo ibati rya pulasitiki kugirango utege ifumbire isukika
- Sakara aka gatanda kugirango imvura n’izuba bitabangamira iminyogoto
- Sukamo Ibisigazwa

by’ibihingwa/Ibishihwa bya kawa, ibyatsi byumye, ibikunduwe mu kiraro, ibishingwe bivuye mu gikoni n’ibindi bikoresho bishobora kubora.



- Shyiramo iminyorogoto itukura (Red worms). Iminyorogoto ipima ikilo kimwe, irya utunganya ifumbire ingana n'ikilo kimwe ku muni.
- Sukamo amazi buri muni nibura litiro 5
- Tegereza nibura amezi 2 iminyorogoto yororoke ibashe gutunganya ifumbire ikungahaye muntungagihingwa.
- Tega ubureko aho agatanda kamenera amazi. Shyiraho igikoresho cyo gukusanyirizamo ifumbire. Ifumbire y'amazi ivamo mumezi 2 yambere isubwizwa mu minyorogoto kuko iba itarakungahara bihagije muntungagihingwa.
- Litiro imwe y'ifumbire ivangwa muri litiro 10-15 z'amazi, igaterwa ku mababi ya kawa.
- Iyi fumbire iterwa hifashishijwe ipompo, kubiti 30-40 bitewe n'uko igiti kingana
- Ni ifumbire kandi ikaba umuti urwanya umugese wa kawa.
- Irinde kuyitera mugihe ibiti byazahajwe n'izuba ryinshi. Tera mu gitondo kare cyangwa nimugoroba

Ifumbire mvaruganda zikoreshwa mu ikawa:



Kubaza agronome ukwegereye akagufasha kumenya ifumbire ziboneka zagenewe kawa.

Urugero: NPK 22 6 12 (N= Azote, P= Fosifore, K= Potasiyumu)

Intungahingwa zikenerwa kuri buri icyiro cyo

gukura kw'igihingwa

Icyiro	Intungahingwa zikenewe	Icyongerwaho
Gutegura ingemwe	N, P, Ca	Ku mizi no mu gukura kw'ingemwe
Gukura	N, K, Mg	Gukura kw'amababi no kwaguka kw'igiti
Kurabya	P, B, Zn	Ningombwa mugukorwa kw'indabo no mu ibangurirwa